**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'AMJYARUGURU**
**AKARERE KA GICUMBI**

# AGATABOMPINE KU NGENGO Y'IMARI N'IBIKORWA BY'INGENZI MU UMWAKA WA 2022-2023







**Kanama 2022**

CLADHO

*NYEMEZAMIHIGO: Mbe nyemezamihigo- Imbere mu ngamba.*

unicef
for every child

**IJAMBO RY'IBANZE**



*Nyemezamihigo z'Akarere ka Gicumbi,* twishimiye kubagezaho agatabo kazabafasha kumenya ibikorwa cyangwa imishinga bikubiye mu ngengo y'imari ya 2022/2023.

Akarere ka Gicumbi ku bufatanye n'inzego zose, twifuza guhora imbere mu ngamba z'iterambere rirambye ry'ubukungu n'imibereho myiza by'abaturage, nk'uko bituranga

"**Inyemezamihigo z'Akarere ka Gicumbi imbere mu ngamba**"

Uyu mwaka wa 2022/2023, Akarere ka Gicumbi kazakoresha Ingengo y'imari ingana na **32,330,573,316** y'amafaranga y'u Rwanda.

Intego y'aka gatabo ni ukongera ubumenyi abaturage ku ruhare rwabo mu itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'Igenamigambi n'Ingengo y'imari, bikubiyemo ibikorwa n'imishinga byatoranyijwe babigizemo uruhare.

Nizeye ntashidikanya ko tuzakomeza gufatanya no mu ishyirwa mu bikorwa ryabyo mu nzira y'iterambere twifuriza Akarere kacu.


**NZABONIMPA Emmanuel**
**Umuyobozi w'Akarere ka GICUMBI**

## 2. INTEGO Y'AKA GATABO

Intego y'aka gatabo ni ugufasha abaturage kumenya bimwe mu bikorwa by'Akarere bizakorwa byavuye mu bitekerezo batanze hategurwa ingengo y'imari ya 2022/2023 kugira ngo buri muturage amenye ibizamukorerwa, abigire ibye afashe ubuyobozi kubishyira mu bikorwa anamenye uruhare afite mu kubibungabuga.

## 3. IMITERERE Y'AKARERE

Akarere ka Gicumbi ni kamwe mu Turere dutanu (5) tugize Intara y'Amajyaruguru, gafite





ubuso bungana na km2 829, kagizwe n'imirenge 21, Utugali 109 n'Imidugudu 630. Gatuwe n'abaturage bangana na 463,731 n'ingo 104,759 (Source: LODA Ubudehe MEIS, March 2022)

Gaherereye iburasirazuba bw'Intara y'Amajyaruguru,gahana imbibi n'Akarere ka BURERA n'Igihugu cya UGANDA. Iburasirazuba hari Uturere twa NYAGATARE na GATSIBO, mu majyepfo yako hari Akarere ka GASABO n'agace gato ka RWAMAGANA ku nkengero z'ikiyaga cya Muhazi. Iburengerazuba gahana urubibi n'Akarere ka RULINDO.

## 4. INGENGO Y'IMARI Y'AKARERE KA GICUMBI

### 4.1. INGENGO Y'IMARI Y'AKARERE MU MYAKA ITATU ISHIZE

| S/N | UMWAKA | INGENGO Y'IMARI |
|---|---|---|
| 1 | 2019-2020 | 23,532,591,997 |
| 2 | 2020-2021 | 27,513,110,637 |
| 3 | 2021-2022 | 27,780,934,991 |





### 4.2. INGENGO Y'IMARI Y'AKARERE 2022-2023

Kugira ngo Akarere ka Gicumbi gashobore gushyira mu bikorwa gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2022/2023, kazakoresha Ingengo y'imari ingana na miliyari mirongo itatu n'ebyiri, miliyoni maganatatu na mirongo itatu, ibihumbi magatanu na mirongo irindwi na bitatu n'amafaranga magatatu na cumi n'atandatu (32,330,573,316 Rfw).

| UMWAKA | INGENGO Y'IMARI (Frw) | AYIYONGEREYE UGERERANYIJE N'UMWAKA WA 2021-2022 (Frw) | IJANISHA RY'INYONGERA |
|---|---|---|---|
| 2022-2023 | 32,330,573,316 | 4,549,638,325 | 14.07% |

### 4.3. INGENGO Y'IMARI Y'AZAKORESHWA NAHO IZATURUKA

| SN | INKOMOKO | UMUBARE |
|---|---|---|
| 1 | Amafaranga aturuka mu butegetsi bwite bwa Leta | 26,249,734,560 |
| 2 | Amafaranga yinjizwa n'Akarere | 1,695,206,645 |
| 3 | Amafaranga aturuka mu bigo bya Leta | 2,890,409,546 |
| 4 | Amafaranga yimukanywe | 1,495,222,565 |




### 4.4. UKO INGENGO Y'IMARI IGABANYIJE

| N° | IBIKORWA | INGENGO Y'IMARI | IJANISHA |
|---|---|---|---|
| 1 | Uburezi | 15,349,798,346 | 47 |
| 2 | Ubutegetsi na serivise zitangwa mu Karere | 3,855,733,904 | 12 |
| 3 | Amazi isuku n'isukura | 1,275,749,962 | 4 |
| 4 | Ubuzima | 3,100,503,193 | 10 |
| 5 | Gukora imihanda na Ruhurura | 1,084,554,232 | 3.3 |
| 6 | Gufasha abatishoboye | 3,317,415,953 | 10.3 |
| 7 | Ubuhinzi n'ubworozi | 1,463,919,138 | 4.4 |
| 8 | Kubungabunga ibidukikije | 996,786,578 | 3.1 |
| 9 | Amashanyarazi | 32,476,574 | 0.1 |
| 10 | Guteza imbere abikorera | 215,500,000 | 1 |
| 11 | Imiturire n'imicungire y'ubutaka | 736,635,718 | 2.3 |
| 12 | Urubyiruko, umuco na siporo | 548,541,875 | 2 |
| 13 | Imiyoborere myiza n'ubutabera | 352,957,843 | 1.1 |
| **IGITERANYO** | | **32,330,573,316** | **100%** |

## 5. IMISHINGA Y'INGENZI YAKOZWE MURI 2021/2022

| S/N | Izina ry'umushinga/Igikorwa | Aho uherereye | Intego | Ingengo y'Imari(Rwf) |
|---|---|---|---|---|
| **Urwego: Gufasha abatishoboye** | | | | |
| 1 | Kuba amazu y'abarokotse Genocide yakorewe abatutsi batishoboye | Mu mirenge itandukanye | 31 | 417,553,682 |
| **Urwego: Uburezi** | | | | |
| 2 | Kubaka amashuli y'imyuga mu mirenge | Cyumba & Mukarange | 2 | 1,552,865,162 |
| **Urwego: Amazi isuku n'isukura** | | | | |
| 3 | Kwegereza abaturage amazi meza(bitarenze metero 500) | Mu mirenge itandukanye | 81,984 | 788,264,526 |
| 4 | Kwegereza amazi meza ibikorwa rusange | Mu mirenge itandukanye | 24 | |
| **Urwego: Imiturire n'imicungire y'ubutaka** | | | | |
| 5 | Kubaka umudugudu w'icyitegerezo udahungabanya ibidukikije | Rubaya | Amazu 40 | 1,648,000,000 |
| **Urwego: Amashanyarazi** | | | | |
| 6 | Kwegereza amashanyarazi ku bikorwa rusange | Mu mirenge itandukanye | 10 | 257,372,012 |
| **Urwego: Kubungabunga ibidukikije** | | | | |
| 7 | Kubaka amaterasi ndinganire | Mu mirenge itandukanye | 205.38 ha | 214,867,270 |
| 8 | Kubaka imirwanyasuri | Mu mirenge itandukanye | 229 ha | 34,765,665 |
| 9 | Gutera ibiti bivangwa n'imyaka | Mu mirenge itandukanye | 321.5 Ha | - |
| 10 | Kuvugurura amashyamba ashaje | Mu mirenge itandukanye | 312.5 Ha | - |

### IBITEKEREZO BYATANZWE N'ABATURAGE N'UKO BYAGIYE BISHYIRWA MU BIKORWA

| Inkingi | Umubare w'ibitekerezo byatanzwe biva mu mirenge | Umubare w'ibyashyizwe mu bikorwa |
|---|---|---|
| Ubukungu | 18 | 14 |
| Imibereho myiza | 20 | 10 |
| Imiyoborere myiza | 14 | 9 |

## 6. BIMWE MU BIKORWA BY'INGENZI BIZAKORWA MU MWAKA WA 2022/2023

| S/N | Izina ry'umushinga/Igikorwa | Aho uherereye | Intego | Ingengo y'Imari(Rwf) |
|---|---|---|---|---|
| **Urwego: Gukora imihanda na Ruhurura** | | | | |
| 1 | Kubaka/Gusana ibiraro byo mu kirere | Mu mirenge itandukanye | 4 | 44,372,022 |
| **Urwego: Uburezi** | | | | |
| 2 | Kuba ishuli ry'imyuga(Phase | Giti | 60% | 842,729,255 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | 1) | | | |
| 3 | Kubaka icumbi, ibikoni n'uburiro | Cyumba & Mukarange | 2 | 1,380,700,842 |
| **Urwego: Amazi isuku n'isukura** | | | | |
| 4 | Kwegereza amazi meza ku baturage(bitarenze metero 500) | Mu mirenge itandukanye | 87,126 | 5,647,145,201 |
| **Urwego: Imiturire n'imicungire y'ubutaka** | | | | |
| 5 | Kubaka umudugudu w'icyitegerezo udahungabanya ibidukikije | Kaniga | Amazu 60 | 1,280,000,000 |
| **Urwego: Urubyiruko, siporo n'umuco** | | | | |
| 6 | Kubaka urwibutso rwa Mutete | Mutete | 30% | 325,866,560 |
| **Urwego: Guteza imbere abikorera** | | | | |
| 7 | Kubaka isoko rya kijyambere rya Gatuna | Cyumba | 20% | 100,000,000 |
| **Urwego: Uburezi** | | | | |
| 8 | Kubaka icumbi ry'abanyeshuli muri College Don Bosco | Rushaki | 20% | 250,000,000 |
| **Urwego: Gukora imihanda na Ruhurura** | | | | |
| 9 | Kubaka icyiraro cya RUHOGA | Manyagiro & Byumba | 50% | 50,000,000 |
| **Urwego: Urubyiruko, siporo n'umuco** | | | | |
| 10 | Kubaka ikibuga cy'imikino mu mugi wa Byumba | Byumba | 100% | 35,000,000 |

## 7. IMISHINGA/IBIKORWA BITAZIMBERE IHAME RY'UBURINGANIRE NO KURENGERA IBIDUKIKIJE MURI 2022/2023

| S/N | Izina ry'umushinga/Igikorwa | Intego | Ingengo y'Imari(Rwf) |
|---|---|---|---|
| **Urwego: Gutezimbere ihame ry'uburinganire** | | | |
| 1 | Kwegereza abaturage amazi meza(bitarenze metere 500) | 87,126 | 5,647,145,201 |
| 2 | Kubaka amashuli | 12 | 99,661,368 |
| 3 | Gusana ikigo nderabuzima cya Mukarange | 100% | 100,000,000 |
| 4 | Kubaka icumbi ry'abanyeshuli muri College Don Bosco | 20% | 250,000,000 |
| **Urwego: Kurengera ibidukikije** | | | |
| 5 | Gukora amaterasi ndinganire | 52 ha | 114,400,000 |
| 6 | Gukora imirwanyasuri | 250 ha | 144,000,000 |
| 7 | Gutera ibiti bivangwa n'imyaka | 250 ha | |
| 8 | Gusazura amashyamba | 360 ha | 470,866,977 |

## 8. BIMWE MUBIPIMO BY'IBIKORWA BYAGEZWEHO UMWAKA WA 2021/2022

| **Ibipimo** | **2021 - 2022** |
|---|---|
| Umubare w' Amavuriro y'Ibanze | 71 |
| Umubare w'Ibigo nderabuzima | 24 |
| Igwingira ry'Abana | 42,2 |
| Umubare w'amashuli | 157 |
| Ijanisha ry'abana bataye amashuli | 3.9% |
| Uburebure(Km) bw'imihanda ya kaburimbo | 104.6 |

### 8.1.UBURYO BUZIFASHISHWA MUKUGEZA AKA GATABO KU BATURAGE

- ✔ Urubuga rw'Akarere: www.gicumbi.gov.rw
- ✔ Radio
- ✔ Inama zitandukanye z'abayobozi
- ✔ Inteko z'abaturage
- ✔ Kubigeza kubakuru b'imidugudu

## I. AMAHIRWE WASANGA MU KARERE KA GICUMBI

Akarere ka Gicumbi gafite amahirwe menshi y'ishoramari mu bintu bitandukanye byatuma umubare w'abashoramari wiyongera. Muri byo twavuga: ubuhinzi n'ubworozi, ubukerarugendo, umutungo kamere(Amabuye y'agaciro),ibikorwaremezo, aho Akarere gaherereye,...

- ❖ **Ubuhinzi** , hashingiwe ku kirere cyiza n'ubutaka bwera, hakenewe inganda zo kongerera agaciro ibituruka ku buhinzi(ibishyimbo, ibinyomoro,...)





- ❖ **Ubworozi,** hashingiwe ku bworozi bw'inka buteye imbere aho Akarere ka Gicumbi gafite umukamo wa litiro 101,700 ku munsi, hakenewe uruganda rwogerera agaciro uwo musaruro w'amata, hakorwamo ibintu bitandukanye(yougurt, formage, amata y'ifu,...)




❖ **Ubukerarugendo bushingiwe ku butwari n'umuco,** mu Karere ka Gicumbi gafite ahantu nyaburanga hatandukanye(**Ubutwari**: Umulindi w'Intwari/Ingoro y'amateka y'urugamba rwo kubohora Igihugu, **Umuco**: Imisezero y'abami, **Ahantu Nyaburanga**: Ikiyaga cya Muhazi). Hakaba hakenewe ishoramari rifatika mu rwego rwo kwakira abakerarugendo hubakwa amahoteli yo ku rwego rwo hejuru.

❖ **Aho Akarere gaherereye,** Akarere ka Gicumbi kegereye Umugi wa Kigali, Igihugu cy'Ubugande, ku mbibi n'Intara y'Uburasirazuba n'iy'Amajyaruguru, hakaba hakorwa




ishoramari mu rwego rwo guteza imbere ubucuruzi bwa mbukiranya,...

❖ **Ibikorwaremezo,** Akarere ka Gicumbi gahagaze neza ku bikorwaremezo(Amazi, amashanyarazi, imihanda, amashuli, amavuriro,...) bityo bikaba byakoroshya ishoramari kuhashyira ibikorwa bitandukanye(Inganda, amahoteli,amasoko, amaguriro,...)




Kuvugurura Umugi wa Gicumbi